Urgent Notes

Kigali, le 27/11/97

**IBIMENYESHEJWE MINISITIRI**

**Byerekeye**:

1. Guteza imbere imipira y'abakozi
2. Umukino wa « DARTS »
3. Amafaranga ya H.C.R

Nyakubahwa Minisitiri,

1. Mu rwego rwo guteza imbere imipira n'iyindi myidagaduro mu bakozi, twifuza kuzashyiraho shampiyona mu bakozi ba Leta no mu bigo binyuranye ,aliko lero ibyo bigakenera kubanza gukangurira abo bose gukunda imikino n'imyidagaduro (Sports et Loisirs):

Kera twabigize na MINEDUC, ubushize dukina na B.N.R Foot-ball iradutsinda(5-2). Mu gihe twiyakira havamo ibitekerezo ku mpande zombi zo gutumira hafi abakozi bose bo Muri B.N.R na MIJESCAFOP (kuko icyo gihe haje abakinnyi ba F.B gusa) tugakora Imikino buri wese yakwisangamo. Haba « Comité » igizwe n'abakozi ba Minisiteri na Banki. Bageze ku myanzuro yometse kuri iyi nyandiko. Murabona rero ko bikeneye amafaranga.

B.N.R yo yemeye gutanga umugabane wayo,hasigaye ko MIJESCAFOP nayo yemera, kugirango ibyifuzo by'abakozi bishyirwe mu bikorwa. Turabamenyesha Nyakubahwa Minisitiri ko uwo mubare w'abakozi wavuye mu bushake bwabo. Buri mukozi yagejejweho igitekerezo hanyuma abishatse akiyandika n'umukino ashaka gukina. Ni nuko twatoye imikino twashyiramo kuri uwo munsi.

Tukaba tubasaba lero ko mwagira icyo mubivugaho kugirango twihutishe iryo tegurwa, murabona ko itariki ya 13/11/1997 yegereje. Tukabasaba kandi ko bishobotse mubonye umwanya mutasiba muri iyo myidagaduro.

2. Nkuko mwabimenyeshejwe igihe abakina « DARTS » bavuye muri « Afrique du Sud » bakabashikiriza ibikombe, ubu naho bavuye i Naïrobi muyandi marushanwa bazana igikombe n'imidari y'umwanya wa gatatu.Twagiye kubakira ku kibuga k'indege hamwe na ba « chefs des divisions » ba sport. Mu magambo ma gufi bitwaye neza cyane i Naïrobi mu mukino no mumanama bagiyemo. Habaye amatora y'abayobozi ba zone 5 igizwe cyane cyane n'Ibihugu bya « Est na Ouest ». Urwanda rutorwa muri « Présidence » hanyuma Perezida wa « Rwanda DARTS Association » aba perezida wa zone 5. None akaba yarifuje kuzababona ngo abashyikirize igikombe bazanye n'imigambi ye nka Perezida wa zone 5. Ndumva lero bishobotse ko mwamuha umubonano nkazabimumenyesha.. Barashimira cyane minisiteri kuko ibyo byose tubibafashamo. Izo ngendo zose ni minisiteri yabahaye amatike.

3. Amafaranga y'imfashanyo ya H.C.R

Muzi ko tumaze amezi menshi tutabona ibikoresho bya siporo kuko mu ngengo y'imari bitari biteganijwe . Ntamuntu rero yavuga siporo adafite ibikoresho. Ni nacyo gituma kenshi « Sport de masse » mu ma « Préfectures » yahagaze.None twasabaga ko mwaturekurira amafaranga H.C.R.yaba yaratanze muri « Sport » ayo ari yo yose tukayagura nibura imipira yo gufasha Sport de masse. Kuko ntituzakangurira umuturage cyangwa urubyiruko gukina tutamuhaye nibura nicyo akinisha. Kandi turabona Siporo mu minsi mike yafasha cyane Leta mu gucengeza murubyiruko n'abandi inyigisho z'amahoro n'ubwiyunge.

Murakoze

Directeur de Sports

RWIGEMA Paterne

Binyujijwe:

- Ku Umunyamabanga mukuru

# IMIKINO YA GICUTI IZAHUZA ABAKOZI BA MIJESCAFOP N'ABA B.N.R

IRIBURIRO

Ntawuyobewe ko imikino ari kimwe mu bintu bihuza abantu benshi kandi igatuma bamenyana bakarushaho gusabana. Nyuma y'umukino w'umupira w'amaguru wahuje abakozi ba B.N.R n'aba MIJESCAFOP, hatanzwe, mu biganiro byawukurikiye, ibitekerezo n'ibyifuzo. Igitekerezo gikuru cyabaye icyo gukomeza imikino kubera akamaro ifitiye abakozi. Icyifuzo cyahuriweho na bose ni uko haba imikino myinshi inyuranye kugirango ihuze abantu benshi.

INTEGO

- Kuruhurira imitwe y'abakozi no kongera ingufu z'umubiri.
- Gukundisha abakozi imikino
- Kumenyanana no gusabana kw'abakozi ba B.N.R n'aba MIJESCAFOP
- Gukomeza imigendanire.

IGIHE IYO MIKINO IZABERAHO

- Ku wa gatandatu tariki 13/12/1997.

AHO IZABERA

- Kuri STADE AMAHORO.

IMIKINO YATORANIJWE KUZAKINWA

- Volley-ball y'Abagabo
- Volley-ball y'Abategarugori
- Basket-ball (Abagabo n'abategarugori)
- Foot-ball
- Ugusiganwa ku metero 1200 (Abagabo
- Ugusiganwa ku metero 800 (Abategarugore)
- Ping-Pong
- Igisoro
- Umukino wa « ECHECS »

GAHUNDA Y'UWO MUSI W'IMIKINO

- 8h30' : Kugera kuri Stade y'Imikino y'amaboko
- 9h00' - 10h20' : Volley-ball y'abagabo
- 10h30' - 11h30' : Volley-ball y'abategarugori
- 11h40' - 12h50' : Basket-ball y'abagabo n'abategarugori (mixte)
- 13h10' - 13h40' : Gusiganwa (Abagabo n'abategarugori)
- 13h45' - 15h05' : Foot-ball
  - Jeu d'Echecs
  - Igisoro
- 15h20' - 17h30' : Ukwiyakira.
  - Ping - Pong

AMAFARANGA AKENEWE MURI UKO KWIYAKIRA

- Umubare w'abazaba bahari:

| | |
|---|---|
| MIJESCAFOP | 100 |
| B.N.R | 130 |
| Bose hamwe | 230 |

IBIFUNGURWA

| | | |
|---|---|---|
| – Inkoko 115 | 2500 F x 115 | = 287.500 FRW |
| – Ifiriti 230 | 500 F x 230 | = 115.000 FRW |
| – Ubunyobwa (20kg) | 800 F x 20 | = 16.000 FRW |
| | | **418.500 FRW** |

IBINYOBWA

| | |
|---|---|
| – MITZIG 460 | : 400 F x 2 x 230 = 184.000 FRW |
| – Gukodesha ibyuma by'umuziki | : 30.000 FRW |
| – Guhemba abazasukura Stade kuwa 14/12/197 | : 15.000 FRW |
| – YOSE HAMWE | : **647.500 FRW** |
| – Ibidateganijwe | : 52.500 FRW |
| **G.T** | **700.000 FRW** |

| | |
|---|---|
| Umugabane wa MIJESCAFOP | : 350.000 F |
| Umugabane wa B.N.R | : 350.000 F |

Ku Bwa Komite itegura iyo mikino:

MIJESCAFOP: ABIYINGOMA Ignace

B.N.R : GASINGWA Michel